Polisi y'u Rwanda

# UMUTEKANO

N° 014 Kamena 2013




## Ban Ki Moon yashyize ibuye ry'ifatizo ahazubakwa Ikigo nyafurika gishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa abakobwa n'abagore






# Ishakiro

**5-6:** Madamu Jeanette Kagame n'umuyobozi wa UNAIDS basuye ibitaro bya Polisi

**7-8:** Ibiyobyabwenge ni umwanzi w'abantu bose kuko ingaruka zitarobanura

**9 :** Polisi yasinyanye amasezerano n'Akarere ka Rubavu mu gukumira ibyaha

**10-11:** Kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore, ni urugamba rureba bose

**12-13:** Ikibazo cy'ubujura bw'insinga za EWASA

**14-15:** Polisi y'u Rwanda yifatanyije n'abandi banyarwanda kwibuka jenoside yakorewe abatutsi

**16-17:** Inzego zishinzwe umutekano ni umusingi w'imiyoborere myiza - Profeseri Shyaka

**18-19:** Community policing ishyize imbere ihame ryo guhererekanya amakuru byihuse

**20-21:** Polisi y'u Rwanda yifuza ko gahunda yo kurengera ibidukikije, isuku n'isukura byaba umuco mu mujyi wa Kigali

**22-23:** Umunyamabanga mukuru wa Loni, Bwana Ban Ki Moon yasuye Polisi y'u Rwanda

**24-25:** Tumenye Jenoside kugirango tuyirandurane n'imizi yayo

**26:** Uburaya, si umwuga uhesha agaciro uwukora

Abagize ubwanditsi bw'Ikinyamakuru

Ubuyobozi bukuru :

Polisi y'u Rwanda

**Inama y'ubwanditsi :**

CP Felix Namuhoranye

ACP Elisa Kabera

ACP Theos Badege

**Umwanditsi mukuru:**

ACP Theos Badege

**Umwanditsi:**

IP François Mugabo

**Abanyamakuru:**

IP François Mugabo

IP Philippe Nizigiyimana

IP Olivier Habimana

AIP JMV Nzayisenga

Bosco -R- Asiimwe

**Copyright 2013**

Polisi y'u Rwanda

# Ijambo ry'ibanze

## Urwego rushinzwe umutekano wo mu muhanda (Traffic Police) rwakira neza abarugana

Urwego rushinzwe umutekano wo mu muhanda muri Polisi y'u Rwanda,ni rumwe mu nzego za Polisi zikorana cyane n'abaturage kubera imiterere y'inshingano zarwo.

Hashize igihe uru rwego ruvuguruye imikorere kugirango abarugana banogerwe n'ibyo rukora no kugira ngo haveho urwikekwe n'ubwoba byakunze kuranga abagana uru rwego,aho bumvaga ko bahabona ibyo bifuza bigoranye cyangwa hari ibyo bagombye gutanga nk'ingurane, ruswa cyangwa habaye kwinginga n'ibindi.... nyamara kugeza ubu ni rumwe mu nzego zifite imikorere myiza.

Urugero rwa hafi,ni uburyo abifuza gukorera impushya zo gutwara ibinyabiziga,zaba iz'agateganyo cyangwa iza burundu,bashima uru rwego kubera uburyo bikorwamo:kwiyandikisha kuri telefoni,gukorera mu turere aho batuye,kureba amanota nyuma y'ibizamini,ibizazamini bigenewe abatazi gusoma, n'ibindi, byose byashyizwemo ingufu kugirango boroherezwe.

Uretse ibyo kandi,hari uburyo bw'itumanaho bwashyizweho mu gihe habayeho impanuka,hakoreshejwe umurongo wa telefoni utishyurwa,aho uhamagara ku 113 igihe waba ukeneye ubufasha ubwo ari bwo bwose bujyanye n'impanuka yo mu muhanda yabaye cyangwa n'andi makuru waba ushaka gutanga.

Zimwe mu nshingano z'umupolisi uri mu kazi ku muhanda,harimo kuyobora,kugira inama no gufasha abakoresha umuhanda ariko kandi ntitwakwibagirwa ko harimo no guhana abarenga ku mategeko agenga umuhanda,…kugira ngo umuhanda urangwemo umutekano.

N'ubwo hashyirwa ingufu mu bintu byinshi ariko, ku rundi ruhande hari abashaka kwanduza iyo sura nziza y'uru rwego n'iya Polisi y'u Rwanda muri rusange, bageragerasha abapolisi ruswa z'uburyo bwinshi ,abenshi baba bakoze amakosa bashaka kubona ibyangombwa byabo biba byafatiriwe banyuze iyi busamo harimo no kutishyura amande ajyanye n'amakosa baba bakoze.

Muri iki gihe noneho,hadutse ubundi bushukanyi bukomeye twafata nk'ubujura bukorwa hagati y'abashoferi baba bakoze amakosa cyangwa ba nyir'ibinyabiziga hamwe n'abiyita abakomisiyoneri bababeshya babizeza ko bazabibagiramo kugirango babone ibiba byarafatiriwe nyuma y'amakosa bakoze;haba ikinyabiziga cyangwa impapuro zikiranga,bakababwira ko bazabagabanyishiriza amafaranga bagombye gutanga maze akaba make ariko bakagira icyo babaha;aba ba komisiyoneri bakunze kuba bacaracara hafi y'ibiro bikuru by'urwego rushinzwe umutekano wo mu muhanda biri ku Muhima,bamwe baraza bakicara mu mahema abagana uru rwego bicaramo bategereje,nabo bakabicara iruhande cyangwa bakabategera hahi aho,bakababaza icyibazanye ari ho bahera babizeza kubibakemurira mu nzira yoroshye.

Polisi y'u Rwanda,ikaba igira inama abatwara ibinyabiziga ,ba nyirabyo ndetse n'abandi bantu bajya bagira aho bahurira n'ibikorwa by'uru rwego ko,bagomba kwitondera ababizeza kubakemurira ibibazo atari abapolisi bahakora,kwirinda gutanga iby'ubusa cyane cyane amafaranga bakwa ahubwo bagahita bamenyesha Polisi ibegereye aba bantu bagafatwa bagahanwa.





# Madamu Jeanette Kagame n'umuyobozi wa UNAIDS basuye ibitaro bya Polisi



*Nyakubahwa Jeanette Kagame asura ibikorwa by'ababana na Virusi itera Sida bakorera ku bitaro bya Polisi*
(Foto: RNP Media Center)

Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Jeanette Kagame, ari kumwe n' Umuyobozi mukuru w' Ishami ry' umuryango w'abibumbye rirwanya Sida, ONUSIDA/ UNAIDS, Bwana Michel Sidibe, kuri uyu wa mbere tariki ya 6 Gicurasi, basuye ibitaro bya Polisi biri ku Kacyiru.

Intego y' uru ruzinduko, kwari ukureba icyo ubufasha buhabwa abagana ibi bitaro birimo ababyeyi bafite ubwandu bafashwa mu kubyara abana badafite ubwandu bumaze kubagezaho, kureba serivisi za Isange One Stop Center, ndetse na Family Package Program.

Bakigera kuri ibyo bitaro, bakiriwe n'umuyobozi wabyo, Commissionner of Police Docteur Daniel Nyamwasa, aho yabatembereje ibyo bitaro, anabasobanurira ibihakorerwa.

Nk'uko byasobanuwe na CP Dr Daniel Nyamwasa , ishami rya Isange One Stop Center kuva ryatangira muri 2009 ntiryahwemye gutanga ubufasha kubahura n' ihohoterwa. Kuri ubu bamaze kwakira abagera ku bihumbi 5216 baje bahohotewe mu buryo butandukanye, haba ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa iryo mu ngo.

Aha, CP Dr Nyamwasa yavuze ko usibye abagore, n' abagabo nabo barahohoterwa kuko 31% by' abagana iri ishami bahohotewe ari igitsina gabo harimo n' abana b' abahungu bari munsi y' imyaka 5.

Docteur Nyamwasa yakomeje avuga ko iyi gahunda ya Family Package Program, ari gahunda yashyizweho



*Nyakubahwa Jeanette Kagame ahobera umwana wafashijwe kuvuka ari muzima kandi ababyeyi be baranduye Virusi itera Sida* (Foto: RNP Media Center)

mu mwaka wa 2002, mu rwego rwo gufasha ababana n'ubwandu bwa Sida bahabwa imiti ibafasha kugabanya ubukana bw' indwara ya Sida, bafashwa mu kuba babyara abana badafite ubwandu.

Aba bashyitsi kandi, basuye ikigo gitanga inama ku babyeyi banduye virusi ya SIDA n'uburyo bagomba kwitwara ngo batabyara abana banduye (Prevention of Mother to Child Transmission of HIV), ndetse banasura ihuriro ry'ababyeyi babana n'ubwandu bwa SIDA, ndetse berekwa n' imishinga abo babyeyi bakora, irimo cantine, ububoshyi n' ubudozi, byose byabafashije kwiteza imbere, kugera aho bohereza hanze y'igihugu bimwe mu bikorwa byabo.

Mu buhamya bwatanzwe n'umuryango ubana n'ubwandu bwa SIDA ukaba warafashijwe na Family Package, washimiye Jeanette Kagame ku nkunga bahawe n'Imbuto Foundation, ndetse unamubwira ko imaze kubageza kuri byinshi nkuko byasobanuwe na Nyirambonyiyeze Monique, aho yagize ati: "Naje muri iki kigo kwipimisha ntwite, basanga naranduye SIDA, baradufashije mbere na mbere mu buryo bwo kwiyakira, baduha imiti ya buri munsi, ndetse ndanashima ko umwana wacu yavutse atanduye."

Nyirambonyiyeze yakomeje avuga ko ishyirahamwe abamo baboha imyenda, bakanaboha uduseke, bakatwohereza hanze y'igihugu, none ngo ubu we n'umugabo we babasha kwishyura ubwisungane mu kwivuza, kandi baniyubakiye inzu.





# Ibiyobyabwenge ni umwanzi w'abantu bose kuko ingaruka zitarobanura.



*ACP Dr Wilson Rubanzana, umuyobozi ushinzwe ubuvuzi muri Polisi y'igihugu, (hagati) Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe ubukungu Bwana Rukundo Julius, iburyo hari Supt Ncuti Athanase umuyobozi wa Polisi mu karere ka Bugesera, batangiza igikorwa cyo kurwanya ibiyobyabwenge (Photo: RNP Media Center)*

Ibiyobyabwenge biracyaza ku isonga, kuba nyiranayazana w'ibyaha bitandukanye birimo: Gukubita no gukomeretsa, Gufata abana n'abagore ku ngufu, ubujura buciye icyuho, ubujura, urugomo n'ibindi.., ninayo mpamvu inzego zose zahagurukiye kurwanya mu buryo bwose iki kibazo. Mu karere ka Bugesera hatangiye amahugurwa agamije kumvikanisha uburemere bw'iki kibazo, ni muri urwo rwego tariki ya 25 Mata 2013, mu karere ka Bugesera, i Nyamata hashojwe amahugurwa y'iminsi itatu yateguwe na Polisi y'u Rwanda, ibicishije mw'ishami ryayo rishinzwe ubuvuzi, mu kigo ISANGE ONE STOP CENTER gishinzwe ku kwita no kugira inama abahohotewe.

Ayo mahugurwa yashojwe ku mugaragaro n'umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe ubukungu Bwana Rukundo Julius, ari nawe wari umushyitsi mukuru muri uwo muhango , wari witabiriwe kandi n'ukuriye ishami amahugurwa kuri iki kibazo, hifashishijwe ainzobere zitandukanye harimo, abaganga, abarimu n'abayobozi mu nzego zitandukanye, ry'ubuvuzi muri Polisi y'u Rwanda, ACP Dr Wilson RUBANZANA, uwaruhagarariye ingabo Batayo ya 59 BN mu karere ka Bugesera Maj. Evariste KABARISA, hamwe n'abandi bayobozi batandukanye.

Mubahuguwe mu nzego z'ibanze barimo: umunyamabanga nshingabikorwa w'umurenge, ushinzwe imibereho myiza

y'abaturage mu murenge, ushinzwe urubyiruko mu murenge, uhagarariye abagore mu murenge, ushinzwe Local Defence mu murenge, abakuru b'imidugudu 2 bahagarariye abandi, Community policing committees 2 bahagarariye abandi.

Ayo mahugurwa yibanze ku gukumira, kurwanya no kurandura burundu ihohoterwa iryo ari ryo ryose mu karere ka Bugesera no kurwanya ibiyobyabwenge.

Abahugurwa basobanuriwe neza uruhare bagomba kugira mu kurandura burundu ihohoterwa iryo ari ryo ryose, basomewe amategeko ahana ihohoterwa, berekwa ibipimo by'ihihoterwa aho bihagaze mu karere ka Bugesera, aho berekanye ko ibyaha biza kw'isonga ari ubusinzi n'urugomo.

ACP Dogiteri Wilson Rubanzana mu ijambo rye, yavuze ko nta terambere rishoboka aho ihohoterwa iryo ari ryo ryose rirangwa, yavuze ko kandi intandaro nyamukuru y'ihohoterwa ari ikoreshwary'ibiyobyabwenge, aho yagiriye inama abari aho ko bakwiye gusenyera umugozi umwe mu kubirwanya bityo bazaba bakumiriye igice kinini ku isoko y'ihohoterwa.

Bwana Rukundo Julius wari umushyitsi mukuru,yibukije abitabiriye uyu muhango ko, byaba ibiyobyabwenge nyirabayazana w'ihohoterwa,yaba andi makimbirane, byose nta handi biganisha abaturage uretse mu bukene n'ubujiji, asaba abari aho kubyamagana bagatumbera gahunda za Leta zibaganisha ku iterambere.

> Byaba ibiyobyabwenge nyirabayazana w'ihohoterwa yaba andi makimbirane, byose nta handi biganisha abaturage uretse mu bukene n'ubujiji

Muri uyu muhango kandi, hamenwe ibiyobyabwenge birimo litiro 35 za kanyanga, litiro 60 z'inzoga z'inkorano, udushashi 8400 twa shifu warage hamwe n'ibiro bibiri by'urumogi.

Umwihariko w'akarere ka Bugesera muri ibi biyobyabwenge ni uko bisigaye biza biturutse mu gihugu cy'u Burundi, byari bimenyerewe ko byavaga Uganda, izo nganda kuba ziri I Burundi bo zemewe, kandi u Bugesera abaturage baho babibona mu buryo bworoshye ni imwe mu mbogamizi zikomeye bisaba Imbaraga zidasanzwe muri icyo gikorwa; Inzoga z'inkorano zizwiyo ni: Umutobe, ibikwangari, Bareteta, Cishwaha, muntu urinde n'izindi inyinshi zikozwe mu matafari ahiye, ifumbire mva ruganda, ibishishwa by'ibitoki n'ikawa, imyumbati, n'ibindi akenshi byangiza ubuzima bw'abantu, bigira ingaruka zikomeye zirimo, gusara, gupfa amaso, guturika umwijima, guteza impanuka zirimo kurohama, inkongi y'umuriro n'impfu zidasobanutse.

Iki gikorwa kikaba kireba, abarezi, abayobozi, ababyeyi hamwe n'uwo ari we wese ukunda igihugu, niyo mpamvu uruhare rwa buri wese rukenewe muri uru rugamba rwo kurwanya ibiyobyabwenge.





# Polisi yasinyanye amasezerano n'Akarere ka Rubavu mu gukumira ibyaha



*Umuyobozi wungirije wa Polisi ahererekanya amasezerano n'umuyobozi w'akarere ka Rubavu.*

Polisi y'u Rwanda ivuga ko amasezerano agamije gukumira ibyaha yasinye n'akarere ka Rubavu tariki 14/5/2013 ameze nk'imihigo inzego zombi zigomba kuzajya zigenderaho zuzuza inshingano zazo mu kurinda umutekano.

Byari bisanzwe ko Polisi icunga umutekano mu karere ka Rubavu, ibi kandi ikabifashwa n'inzego zibanze kugera ku karere, nubwo byakorwaga bitanditse, ngo amasezerano yanditse niyo azajya yubahirizwa kandi bigafatwa nk'imihigo.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda,ACP Theos Badege avuga ko ayo masezerano bayashyizeho bashingiye ku bintu bikomeye Polisi yifuza gufatanya n'akarere mu gukumira ibyaha birimo guhashya icuruzwa n'iyinjizwa ry'ibiyobyabwenge no gukumira intwaro byinjizwa mu Rwanda bivuye muri Congo.

Ubuyobozi bw'akarere ka Rubavu bwemeza ko aya masezerano hari ibyo agiye kubafasha kuko bagiye gufata Polisi nk'umufatanyabikorwa; nk'uko byasobanuwe n'umuyobozi w'akarere ka Rubavu, Sheikh Bahame Hassan.

Umuyobozi wungirije wa Polisi y'igihugu, DCG Stanley Nsabimana , avuga ko aya masezerano ashyirwaho kugira ngo umutekano urusheho kwiyongera kandi abantu bumve ko ari inshingano zabo, cyane ko Polisi itabona umupolisi ishyira kuri buri rugo rw'umuturarwanda ngo arucungire umutekano.

Aya masezerano ni ayo kuzafasha abashinzwe umutekano mu nzego z'ibanze mu gukumira ibyaha, ubuyobozi bw'akarere bukabishyiramo imbaraga nk'inshingano yabo, nkuko akarere kazajya kiyambaza Polisi mu bikorwa bitandukanye nk'imiganda, kubungabunga ibidukikije, guhangana n'ibiza hamwe n'ibindi bikorwa by'amajyambere.

Polisi izajya ifasha akarere kandi mu gukumira icyatera ibyaha nko kuganiriza urubyiruko kugirango rutishora mu biyobyabwenge, gufasha abana kwiga kugira ngo batajya mu buzererezi, gufasha abantu kwifasha kugira ngo batajya mu bujura n'ibindi byatera ingeso mbi, ibi bikorwa bikazafasha akarere mu kuzamura imibereho n'imyumvire y'abagatuye.



**Abayobozi bagaragaraza amasezerano bamaze gusinya.**

# Kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore, ni urugamba rureba bose

Ihohoterwa rikorerwa abagore n'abana riri mu buryo bwinshi, ariko ubuzwi cyane, ni itotezwa mu muryango, gutukwa, guteshwa agaciro ko ntacyo ushoboye, kugawa ko uteye nabi, kuvuga ko ntacyo ukora, umunebwe n'indi mvugo yose igamije kwangiza, guhahamura no gutesha agaciro abarikorerwa, ingaruka zigera ku muryango wose, ari nako kwiheba n'ihahamuka ridashyira rikomeza kubera imbogamizi abahohotewe, muri izo ngaruka akenshi ziterwa no gufatwa ku ngufu usanga ryibasira abagore ariko kandi ugasanga n'ingaruka zaryo zikomeza na nyuma yaryo, ugasanga bisuzuguza abagore bigakorwa mu rwego rwo gucisha bugufi no gutesha agaciro abahohoterwa ubwabo, imiryango y'abo, n'umuryango mugari. Ntabwo umuntu yabyita ko ari ubugome gusa, ahubwo iryo hohoterwa iyo rikomeje, biviramo abenshi kwiyahura no gufata ingamba zo kwigunga, kuko babana umuryango nyarwanda ni icyaha cy'intambara gikeneye gufatirwa imyanzuro yihuse mu rwego rw'isi yose." Agendeye ku byabaye mu ifatwa ku ngufu ryakozwe mu Rwanda muri Jenoside, aya n'amagambo CIP Shafiga Murebwayire ukuriye Isange One Stop center yayagarutseho cyane ku bari bitabiriye aya mahugurwa mu karere ka Bugesera.

Yahamagariye Inzego zose, kutemera no kwamagana abakingira ikibaba abakora bene ibyo byaha byibasira inyokomuntu. "Kudahana nta kindi bibyara uretse ubugome n'ubwicanyi". Ahereye ku rugero rufatika mu guteza imbere umwari n'umutegarugori nk'uko biri u Rwanda rwabigize umwihariko, CIP Shafiga yerekanye ko icy'ingenzi ari uko ikirutaho ari ugukemura impamvu bikomokaho kuko usanga binafitanye isano n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.



*Uru rugamba rureba inzego zose*







**Inzego z'ubuyobozi ku rwego rw'akarere, abaturage na Polisi bakoze urugendo rugamije kwamagana ihohoterwa rishyingiye kugitsina, no kwamagana ifatwa kungufu ry'abagore n'abana . (Photo: RNP Media Center).**

Aya mahugurwa akaba yaratangiye tariki ya 25/04/2013 kuri sale y'urubyiruko mu karere ka Bugesera,hatangijwe amahugurwa kumugaragaro yamaze iminsi itatu, ayo mahugurwa akaba yarateguwe na polisi y'igihugu, ibicishije mw'ishami rishinzwe ubuvuzi muri Polisi y'igihugu, mukigo ISANGE ONE STOP CENTRE gishinzwe kurwanya ihohoterwa.

Mayorw'akarereka Bugesera Bwana Rwagaju Louis, ari kumwe n'ukuriye ishami ry'ubuvuzi muri Polisi y'u Rwanda ACP Dr Wilson RUBANZANA, Umuyobozi w'ingabo mu Karere ka Bugesera, Maj.Evaliste Kabarisa, hamwe na DPC wa Bugesera Supt Athanase Nshuti, n'abandi bayobozi bo mu karere, n'abitabiriye ayo mahugurwa biganjemo Inzego z'ibanze.

Mu ijambo rya DPC wa Bugesera Supt Athanase Nshuti yasobanuriye abayitabiriye ko intego yayo ari ugukumira, kurwanya, no kurandura burundu ihohoterwa iryo ariryo ryose mu karere ka Bugesera, uruhare rwabo muri iki gikorwa, kubanyuriramo amwe mu mategeko ahana ihohoterwa, kubagezaho uko rihagaze muri iki gihe, uruhare rwa community policing mu gukumira ibyo byaha by'ihohoterwa. Madame Usanase SANDRA, umwe mu bakozi b'Ikigo ISANGE ONE STOP CENTER yahamagariye kwihutira kugana icyo kigo ndetse abaha icyizere cy'uko uwahohowe yakirwa iyo ageze muri icyo kigo, anasaba abo bayobozi kumenyekanisha mu baturage imikorere y'icyo kigo dore ko usanga abaturage benshi batazi imikorere yacyo.

Urugendo rwo kwamagana ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore rwatangiriye ku kigo mberabyompi cy'urubyiruko rwa Nyamata, berekeza aho polisi Station ya Nyamata ikorera ngo barebe aho umuhango wakwangiza bimwe mubiyobyabwenge byafatiwe muri ako karere ka Bugesera.

# Ikibazo cy'ubujura bw' insinga z'amashanyarazi za EWASA kirimo kuvugutirwa umuti



*Ngabo bamwe mu bakekwaho kwiba ibyuma bitwara insinga z'amashanyarazi* ***(Photo:RNP Media Center***

Abatuye umujyi wa Kigali hamwe no mu nkengero zawo, bakomeje kwinubira ibura ry'amashanyarazi, ndetse yanagaruka akaza atwika ibikoresho byari bicometse nk'ama televiziyo, Firigo etc.. Ewasa yakomeje gusobanura ko impamvu z'ibura ry'amashanyarazi mu bice byinshi bigize umujyi wa Kigali, ari ukugira ngo babashe gusaranganya ahari kubera ikibazo cy'ubujura bw'ibiti n'insinga z'amasharazi, bituma abenshi bibaza ukuri kwabyo.

EWASA ifatanyije n'abaturage bakomeje gushaka amakuru y'ababa biba ibyo byuma n'insinga n'ababa babyihishe inyuma ,nibwo tariki ya 22 Mata 2013, Polisi ikorera mu karere ka Gasabo, yataye muri yombi abantu batandatu bakekwaho kugira uruhare mu kwiba ibyuma (Pylon) by'amashanyarazi aribo: Kabera Damascene, Muhayimana Emmanuel, Gasana Prosper, Gatete Jean Pierre, Murwanashyaka Werarisi na Sikubwabo Narcice bombi batuye mu mujyi wa Kigali. Bakaba bafashwe babigura bakanabigurisha mu murenge wa Gisozi, akarere ka Gasabo ku isoko rizwi nka Gakinjiro, aho babariza imbaho ,ubu bose bakaba bafungiye kuri sitasiyo ya Polisi ya Remera,aho bategereje gushyikirizwa ubushinjacyaha.

Hafatiwe ibyuma magana abiri na mirongo ine na birindwi (247) bishingwa bigafasha mu gutwara insinga z'amashanyarazi aho byasobanuwe ko kimwe gifite agaciro kangana n'ibihumbi icumi na bitanu by'amanyarwanda (15000Frw) nk'uko byatangajwe na Muberabirori Prosper ushinzwe imikoranire n'izindi nzego (Public Relations officer) mu kigo cya EWASA. Yasobanuye ko ibyo byaha byatangiye mu matariki ya 19 Werurwe 2013, aho byagiye biteza ingaruka ry'ibura ry'umuriro w'amashanyarazi kugeza ubwo habonekeye ibisimbura ibyo byibwe, umuriro wongera kuboneka tariki ya 15 Mata 2013.

Bwana Muberabirori Prosper yakomeje ashimira abakozi ba EWASA n'abaturage ku bufatanye bwabayeho kugira ngo aba bantu babashe gutabwa muri yombi , yakomeje avuga ko hari n'abandi babiri bamaze gufatirwa muri ibyo bikorwa by'ubujura mu karere ka Nyanza.

Avuga ko miliyoni zisaga ijana na cumi n'enye (114.000.000Frw) arizo zimaze gushyirwa mu bikorwa byo gusimbuza insinga n'ibyuma bitwara umuriro, ari nako byatumye abakiriya benshi binubira ibura ry'amashyanyarazi kuko bibateza igihombo iyo umuriro ubuze. Mu isanwa ry'ibyo byuma, hangijwe kandi ibyuma kuri Station ya Jabana byatangaga Megawati mirongo itatu ku isaha (30MW/Hour) ubu nabyo bikaba byarasanwe byarongeye gukora.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Theos Badege yavuze ko aba batandatu bahamwe n'icyaha baregwa, bazahanwa nk'uko amategeko abiteganya. Yakomeje avuga ko ubu bujura bw'insinga n'ibyuma by'amashanyarazi byagize ingaruka ku ibura ry'umuriro mu gihugu, bikadindiza n'ibikorwa by'iterambere.

Nk'uko ingingo ya 406 yo mu gitabo cy'amategeko ahana ibisobanura, Umuntu wese ku bushake, usenya cyangwa wonona, ku buryo ubwo ari bwo bwose, burundu cyangwa igice kimwe, amazu, amateme, ingomero, impombo z'amazi n'inzira yazo, imihanda, inzira za gari ya moshi cyangwa ibikoresho ibyo ari byo byose by'itumanaho cyangwa by'ingufu z'amashanyarazi, amariba cyangwa izindi nyubako zose bitari ibye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku nshuro icumi (10) z'agaciro k'ibyangijwe. Umuvugizi wa Polisi y'igihugu yasabye abaturage kujya bagura ibintu bifite inyemezabuguzi kandi bazi inkomoko yabyo.

Amajyambere hamwe n'iterambere ntibyagerwaho niba ubufatanye mu gukumira ikibi cyane ubujura bw'ibikoresho bigirira akamaro abantu benshi, bakaba bibazaga ko mu Rwanda bitewe n'ukuntu ibikorwa remezo byangiritse mu gihe cya Jenoside bikagorana kongera kubona ibindi, twari tugeze mu gihe cyiza cyo kumenya akamaro k'ibikorwa remezo bifitiye akamaro abantu benshi, kuko ibura ry'amashanyarazi rigira ingaruka ku bantu benshi hamwe n'igihombo ku nganda zikora ibintu bitandukanye tutaretse n'igihombo igihugu kibikuraho, musomyi rero gira uruhare uburizamo icyaha cy'ubujura.



*Aba nabo ni abakekwaho kwiba insinga za EWSA* ***(Foto: RNP Media Center)***

# Polisi y'u Rwanda yifatanyije n'abandi banyarwanda kwibuka jenoside yakorewe abatutsi

Mu gihe Abanyarwanda twese tukiri mu minsi 100 yo kwibuka jenoside yakorewe abatutsi mu w'1994, Polisi y'u Rwanda nayo yifatanyije n'abandi banyarwanda, maze umunsi wo kuwa gatatu tariki ya 17 iwuharira igikorwa cyo gusura inzibutso za jenoside zitandukanye.



*Mayor wa Kamonyi ari kumwe n'abayobozi bakuru ba Polisi y'u Rwanda (Photo:RNP Media Center)*

Abayobozi ba Polisi baturutse ku cyicaro gikuru, bakuriwe n'umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, IGP Emmanuel K. Gasana, bo bakaba barasuye urwibutso rwa jenoside yakorewe abatutsi ruherereye mu karere ka Kamonyi, mu ntara y'Amajyepfo.

Bageze kuri urwo rwibutso, babanje kunamira inzirakarengane zishyinguwe muri urwo rwibutso, nyuma baganira n'abaturage bari bahari.

Mu buhamya bw'umwe mu barokotse jenoside yakorewe abatutsi wo muri ako karere witwa Iryanyawera Leatitia, yasubiye mu nzira y'umusaraba banyuzemo kuva iwabo Rugobagoba, kugera i Kabgayi aho barokokeye, anavuga uko bagendaga bicirwa bamwe mu bana, ndetse n'abandi bari bagize imiryango yabo.

Muri ubwo buhamya, yavuze ko bamaze kugera i Kabgayi nabwo babaraga ubukeye, kuva muri Mata kugeza ku itariki ya 2 Kamena, ubwo ingabo zahoze ari iza FPR zahabasangaga zikabarokora.

Yatangaje ko n'ubwo barokokeye hamana, ubu bakomeye, n'ubwo bamwe muri bo bafite ubumuga n'indwara basigiwe na jenoside, kandi ko bakomeje kwihesha agaciro no guharanira kwigira.

Umuyobozi w'akarere ka Kamonyi Rutsinga Jaques, yashimiye Polisi y'u Rwanda kuba yaje gufata mu mugongo abanyakamonyi muri rusange, ndetse n'abarokotse jenoside by'umwihariko, akomeza avuga n'amateka yaranze jenoside muri Kamonyi, aho yavuze ko abari ku isonga mu kuyikora, harimo uwahoze ari burugumesitiri w'icyahoze ari komini Taba witwaga Akayezu Jean Paul, ndetse n'uwitwaga Ndayambaje Sixbert, anavuga ko muri urwo rwibutso hashyinguwe imibiri y'inzirakarengane 35.188.

Mu ijambo rye, umuyobozi mukuru wa Polisi y' u Rwanda IGP Emmanuel K. Gasana, mu izina rya Polisi y'u Rwanda, no mu izina rye bwite, yihanganishije abanyakamonyi muri rusange, n'abarokotse jenoside by'umwihariko, ababwira ko kwibuka bituma biyemeza ko ibyabaye bitakongera kuba, anagaya leta n'inzego z'umutekano zariho mbere no mu gihe cya jenoside, aho yagize ati:"







**IGP Emmanuel K.Gasana ashyira indabo ku rwibutso rw'akarere ka Kamonyi** *(Photo:RNP Media Center)*

Leta n'inzego z'umutekano za kiriya gihe zateshutse ku nshingano zazo kuko zishe abo zagombaga kurinda".

Yakomeje avuga ko inzego z'umutekano ziriho ubu cyane cyane Polisi y'u Rwanda ziharanira umutekano w'abanyarwanda mu bumwe n'ubwiyunge kandi ko zitazateshuka kuri iyo ntego, zigafatanya n'abaturage kugumya kwibuka inzirakarengane, duharanira kwigira, bityo tukarushaho gutera imbere.

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda kandi akaba yashyikirije umuyobozi wa Ibuka mu karere ka Kamonyi sheke y' amafaranga 1.000.000FRW, ikaba ari inkunga izabafasha gutunganya urwo rwibutso no gufata neza imibiri ihashyinguwe.

Polisi ikorera mu mujyi wa Kigali yasuye urwibutso rwa Nyanza ya Kicukiro ruri mu Karere ka Kicukiro mu gihe Polisi ikorera mu ntara y'amajyaruguru yo yasuye urwibutso rwa Muhoza ruri mu Karere ka Musanze;



*Abapolisi baje kunamira abazize jenoside I Nyanza ya Kicukiro (Photo:RNP Media Center)*

Mu ntara y'iburengerazuba ho,Polisi ihakorera yasuye urwibutso rwa Rubavu mu karere ka Rubavu.

Polisi ikorera mu ntara y'iburasirazuba yo yasuye urwibutso rwa Kiziguro ruri mu Karere ka Gatsibo, naho Polisi ikorera mu ntara y'amajyepfo yo isura urwibutso rwa Nyanza ruri mu Karere ka Nyanza.

19 years

# Inzego zishinzwe umutekano ni umusingi w'imiyoborere myiza – Porofeseri Shyaka



*Abayobozi batandandukanye bari bitabiriye ikiganiro*

*(Photo:RNP Media Center)*

Umunyamabanga nshingwabikorwa w'ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere myiza(RGB),Porofeseri Anastase Shyaka avuga ko Inzego zishinzwe umutekano ,zifite uruhare rukomeye mu gutuma imiyoborere mu gihugu iba myiza cyangwa iba mibi.

Ibi Porofeseri Shyaka yabivugiye mu kiganiro mbwirwaruhame yatanze ku ruhare rw'inzego zishinzwe umutekano mu iterambere ry'igihugu , aho yagaragaje n'urwo zagize mu bihe byo hambere mu gutegura no gushyira mu bikorwa jenoside yakorewe abatutsi muw'1994, aho yahitanye abasaga miliyoni mu minsi ijana gusa.

Ni ikiganiro cyari cyateguwe na Polisi y'u Rwanda, kikaba cyari cyabereye ku cyicaro gikuru cyayo ku Kacyiru, cyari cyitabiriwe n'abapolisi bahakorera, aho banarebeye hamwe gahunda y'ibikorwa bizaranga umunsi wo kwibuka ku nshuro ya 19 mu rwego rwa Polisi y'u Rwanda.

Porofeseri Shyaka yagize ati:"Mu bihe byo hambere, inzego zishinzwe umutekano zateshutse ku nshingano zazo, ntizigeze ziha agaciro abo zari zishinzwe gukorera no kurinda.Baranzwe n'ivangura ry'abo bashinzwe kurinda aho byavuyemo gushaka kurimbura igice kimwe cy'abanyarwanda, ibi akaba ari bimwe mu biranga imiyoborere mibi."

Yavuze ko benshi mu bari bagize inzego zishinzwe umutekano bagize uruhare mu kubiba amacakubiri mu banyarwanda ndetse bakagira uruhare rukomeye mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya jenoside yakorewe abatutsi.

Yagize ati:"Ntibyari bicyoroshye ko jenoside yirindwa igihe abashinzwe umutekano bari barijanditse mu bugizi bwa nabi bugamije gushyira mu bikorwa ibitekerezo bibi by'abanyapolitiki, hakaba harabayeho imbaraga zidasanzwe zo kubihagarika."

Yagiriye inama Polisi y'u Rwanda yo gukomera ku ntego zayo no gutsimbataza umuco w'amahoro, ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda hashyirwa imbere umutekano n'imibereho myiza by'abaturarwanda.

Yavuze ko ubu, abaturarwanda bumva batekanye aho bari hose n'igihe cyose ku buryo butigeze bubaho muri iki gihugu.

Umunyamabanga nshingwabikorwa wa komosiyo y'igihugu yo kurwanya jenoside, Bwana Jean de Dieu Mucyo wari witabiriye iki kiganiro, yagarutse ku bimenyetso bibanziriza jenoside harimo kwambura ubumuntu abagamijwe gutsembwa bahimbwa amazina, gushyira abaturage mu byiciro ndetse n'ibindi,…

Yagize ati:"Ni ngombwa ko twibuka kugira ngo duhe agaciro abacu bazize jenoside ndetse n'abapfuye baharanira kuyihagarika. Kwibuka kandi bituma dusobanukirwa neza ibyabaye mu Rwanda ari nabyo bizatuma tunyomoza ibikunda kuvugwa n'abahakana cyangwa bagapfobya jenoside."

Yarangije avuga ko kwibuka ari inshingano ya buri wese kandi bigomba kuba uruhererekane, yongeye gusaba Polisi y'u Rwanda kandi gucunga umutekano w'ahabera ibikorwa byo kwibuka hose muri iyi minsi 100 yo kwibuka kuko ibihe by'icyunamo bikunda kurangwa n'ibikorwa bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya jenoside.

Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, IGP Emmanuel K. Gasana mu ijambo rye, yahamije ko Polisi y'u Rwanda yiteguye kuzuza inshingano zayo kandi ko yiteguye gutanga umusanzu ufatika ku mutekano n' iterambere ry'igihugu cyacu.

## Polisi y'Igihugu n'Urwego rw'Umuvunyi mu bufatanye mu kurwanya ruswa

Urwego rw'Umuvunyi na Polisi y'u Rwanda basinye amasezerano y'ubufatanye mu kurwanya ibyaha bya ruswa, ku cyicaro gikuru cya Polisi ku Kacyiru.

Uyu muhango wari witabiriwe n'Abayobozi bakuru muri Polisi y'Igihugu uhereye ku rwego rwa buri Karere,na Minisitiri w'Umutekano Sheikh Musa Fasil Harelimana, Minisitiri muri Perezidansi ya Repubulika n'abandi.

Umuvunyi mukuru, Cyanzayire Aloysea, yatangaje ko amasezerano y'ubufatanye agamije kurushaho guhana amakuru, gusangira ubunararibonye mu kurwanya ruswa no kuzamura ubumenyi bw'abakozi b'inzego zombi bafite mu nshingano ibikorwa byo kurwanya ruswa.

Cyanzayire yasabye ko inzego zombi, urwa Polisi n'Umuvunyi, zibanza kuba intangarugero, ati "Buri rwego rugomba kwiheraho mbere yo kujya kurwanya ruswa mu zindi nzego."

Yongeyeho ko mu kurwanya ruswa mu Rwanda harimo inzitizi y'uko Abanyarwanda bagifite intege nke mu kugaragaza abasaba , abatanga ndetse n'abakira ruswa, bikaba ari byo bituma idashira, asaba Abanyarwanda gushyira imbaraga mu kugaragaza abarya ruswa.

Cyanzayire yatanze icyizere ko urwego rw'Umuvunyi rwiteguye gushyira mu bikorwa amasezerano yasinywe, hakazanashyirwaho abakozi bashinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa byayo.

Umukuru wa Polisi IGP Emmanuel Gasana yatangaje ko gukorana n'Urwego rw'Umuvunyi ari uburyo bwo kuziba icyuho cy'aho ruswa ishobora kwinjirira hose.

Ati "Ubushobozi bushyizwe hamwe buzatuma ruswa icika burundu mu gihugu, kandi ku bufatanye tuzabigeraho."

Urwego rwa Polisi n'Umuvunyi zisanzwe zifite mu nshingano zazo ibikorwa byo kurwanya ruswa n'akarengane aho yibukije ko Polisi yashyizeho ingamba zo kurwanya ruswa aho yashyizeho komisiyo yo kurwanya ruswa, hashyirwaho ikigo cya ethics center gitanga amahugurwa anyuranye ku kurwanya ruswa, imirongo ya telefoni itishyurwa ndetse n'udusanduku twibitekerezo mu rwego rwo guhashya ruswa.


www.police.gov.rw - Twandikire kuri info@police.gov.rw cyangwa pro@police.gov.rw

# Community policing ishyize imbere ihame ryo guhererekanya amakuru byihuse no gukumira ibyaha bitaraba



**Meya wa Nyanza, Abdallah Murenzi aha telefoni umuyobozi w'umurenge wa Busasamana,ari kumwe na Superintendent Jules Rutayisire,uyobora Polisi muri Nyanza** *(Foto: RNP Media Center)*

**Gukumira ibyaha ni iki?**

Gukumira ibyaha ni uburyo bwo kubuza icyaha cyangwa ikosa kuba, hagamijwe guca intege igikorwa cyose kigamije guhungabanya umutekano n'umudendezo bya rubanda, Community Policing kandi ishingiye ku ihame rivuga ko mu gihugu kigendera ku mahame ya demokarasi, abaturage bagirira icyizere Polisi mu kubungabunga uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, ubwigenge, uburinganire n'ubutabera nk'uko biteganywa n'amategeko. Kugira ngo Polisi y'u Rwanda yuzuze izo nshingano igomba kuba mu baturage aho kwitandukanya nabo kuko aribo ishinzwe gukorera. Ikindi ni uko community policing ifasha mu gusuzuma igerwaho ry'intego n'imikorere.

Mu by'ukuri community policing ni uburyo bufasha gusuzuma igerwaho ry'imikorere ya Polisi muri gahunda yo gukumira no kurwanya ibyaha. Niyo mpamvu uburyo bwo gushyira mu bikorwa community policing bugenda butandukana kandi buhinduka bitewe n'ibyo abaturage bakeneye ariko bugahurira ku mahame rusange y'ingenzi, ndetse n'imyumvire y'ibanze.

Mu mikorere yayo ya kera, Polisi yariyicariraga igatekereza ko habaho ubugizi bwa nabi kugirango ishobore kugira icyo ikora .Bivuze ko ibimenyetso by'icyaha byahabwaga agaciro kuruta icyabiteye, bityo imibare iri hejuru iratwereka ukudahura k'umubare w'inzego za Polisi n'iz'ubuyobozi busanzwe,niyo mpamvu ari ngombwa cyane gushyiraho ingufu mu bufatanye n'abaturage.

Intego nyamukuru yatumye Polisi yifashisha ubu buryo mu gutuma abaturage bagira uruhare mu kwibungabungira umutekano ,hari hagamijwe guteza imbere imikoranire myiza hagati ya Polisi n'abaturage, gusesengura no gushaka ibisubizo by'impamvu zitera cyangwa zizana umutekano muke, gutuma habaho gukorera hamwe hagati ya Polisi n'abaturage, kongerera abaturage ikizere no kwiringira gukorana na Polisi.

Intego rusange Polisi n'abafatanyabikorwa bayo; ni ukugabanya ubugizi bwa nabi hagenderewe gucukumbura impamvu nyamukuru zitera umutekano muke mu muryango nyarwanda, gushishikariza buri muturage kugira uruhare mu kwicungira umutekano, gutegura ibiganiro ku buryo buhoraho ku rwego rw'imidugudu, utugari n'ibigo by'amashuri ,mu rwego rwo kubikangurira abanyeshuri, abaturage, abavuga rikijyana, (opinion leaders) ku ruhare rwabo mu gucunga umutekano muke.




*Iyi modoka yaguzwe n'abaturage bumvise akamaro ko kwirindira umutekano mu Murenge wa Kinyinya mu Karere ka Gasabo (Photo:RNP Media Center)*

**Ihererekanya makuru ryihuse ni iki?**

Ibyaha bimwe byagiye bikorwa kandi abantu barabyumvise cyangwa babonaga ko bigiye kuzakorwa ntibagire icyo babikoraho, kandi iyo hagira igikorwa byari gutuma ibyaha biburizwamo. Ni henshi abantu bagiye bahigira abandi ko bazabica, abantu bakabyumva, ntibabivuge, ugasanga bagiye kubivuga ari uko icyaha cyabaye.

Ihererekanya makuru kandi ryihuta biciye mu nama y'umutekano iterana rimwe mu kwezi mu rwego rw'umudugudu, akenshi nyuma y'umuganda rusange, ibibazo bidakemutse bikoherezwa ku rwego rw'akagari uwo mudugudu ubarizwamo, ibidakemutse bikigirwa mu nama y'umutekano ku rwego rw'umurenge, ibitaharangiriye bikigirwa ku rwego rw'akarere mu nama y'umutekano yaguye cyangwa itaguye, ibyo akarere katarangije nibyo byigirwa mu nama y'umutekano y'intara gusubira hejuru.

Gukumira ibyaha n'ihererekanya makuru ryihuse, byashyizwe imbere kugira ngo bifashe komite za Community policing (CPCs) hagamijwe gutuma abaturage bagira uruhare mu kwibungabungira umutekano, bikaba bikomeje gutanga umusaruro mu inzego zose, ubwo bufatanye nibwo Polisi ishyize imbere, kurusha kugenza ibyaha mugihe byabaye ahubwo kubiburizamo bitaraba.

# Polisi y'u Rwanda yifuza ko gahunda yo kurengera ibidukikije, isuku n'isukura byaba umuco mu mujyi wa Kigali.



Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda, IGP Emmanuel K Gasana ashyikiriza igikombe umuyobozi w'akarere ka Kicukiro, Paul Jules Ndamage kubera umurenge wa KANOMBE waje ku isonga.

Nyuma yo gusohoka muri Jenoside yakorewe abatutsi muw'1994, U Rwanda n'abarutuye batangiye gahunda ikomeye yo gusana igihugu, ibidukikije bidasigaye inyuma, nibwo hatangijwe gahunda yo gutera ibiti cyane ko byari bitangiye kuzana ubutayu mu turere tumwe na tumwe ndetse n'amapfa aziraho, gahunda yo gutera ibiti, ku misozi n'ahandi hatandukanye, kuburyo polisi imaze gutera ibiti kuri hegitare 300, mu gihugu hose, isukura yarakomeje iza no kugaraza isura nziza mu gihugu, amahumbezi aturutse ku mikindo, ubusitani n'ibiti byiza byatumye isuku igaragarira buri wese, Polisi yakomeje gushyira Imbaraga muri icyo gikorwa, inatangiza amarushanwa y'imirenge igize uturere tugize umujyi wa Kigali, Tariki ya 19/04/2013 ku gicamunsi, kuri sitade rejiyonali ya Nyamirambo, ku bufatanye bwa Polisi y' u Rwanda n'Umujyi wa Kigali, habereye umuhango wo guhemba imirenge yo mu Mujyi wa Kigali yahize iyindi muri gahunda y'isuku n'isukura mu Mujyi wa Kigali. Ni nyuma y'aho hakorewe igenzura ry'amezi atatu muri iyo mirenge ku bufatanye bwa Polisi y'u Rwanda,Ingabo z'igihugu (RDF), Urwego rw'igihugu rushinzwe umutekano (NSS),ubuyobozibw'Umujyi wa Kigali n'uturere .

Mu bashyitsi bitabiriye uwo muhango, harimo Bwana Ndayisaba Fidel, umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda, IGP Emmanuel K Gasana, uwungiriye umuyobozi mukuru wa REMA, Eng Colette Ruhamya, abahagarariye Polisi ku rwego rw'intara (RPC), abayobozi b'uturere tugize Umujyi wa Kigali, abanyamabanga nshingwa bikorwab'imirengeyoseigize Umujyi wa Kigali, abapolisi n'abaturage, hamwe n'inzego zitandukanye.

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali Fidel Ndayisaba,ari nawe wari umushyitsi mukuru muri uwo



*Polisi y'u Rwanda yahembye, umurenge wa Kanombe wabaye uwa mbere*

muhango, yashimiye muri rusange ubufatanye bwa Polisi n'Umujyi wa Kigali muri iki gikorwa, aboneraho kwerekana uko imirenge yarushanyijwe, aho umurenge wa Kanombe wabaye uwa mbere n'amanota88%,hakurikiraho umurenge wa Rwezamenyo ufite 85% n'umurenge wa Gikondo wagize amanota 79%, anavuga ko ibanga ryo gutsinda ari ugufatanya n'abaturage muri iki gikorwa. Umuyobozi w' umujyi wa Kigali yashoje asaba ko isuku yaba umuco kuko isuku igirira akamaro abatuye Umujyi wa Kigali hamwe n'abawugenderera akomeza yifuriza abari aho kurangwa n'isuku n'agaciro aho bari hose.


Umuyobozi mukuru wa Polisi y'u Rwanda,IGP Emmanuel K. Gasana, yashimye ubufatanye bw'Umujyi wa Kigali na Polisi y'u Rwanda ndetse n'abagize uruhare muri ibi bikorwa aribo baturage, anahemba umurenge wa Kanombe waje ku isonga urupapuro rw'ishimwe hamwe n'ipikipiki TVS 125, anabizeza ko mu irushanwa ritaha hazaba harimo ibihembo bikomeye birimo imodoka Pickup, ipikipiki, imashini ikata ibyatsi, icyuma gifotora n'impapuro z'ishimwe zisinyweho n'abayobozi bakuru bazaba batumiwe, abashishikariza gukomeza gahunda y'isuku no kurengera ibidukikije avuga ko n'igenzura rizakorwa cyane kugira ngo barebe niba nta myanda no kwangiza ibidukikije bizaba bikigaragara. Mu ijambo ry'abayobozi b'uturere twa Gasabo, Nyarugenge na Kicukiro bashishikarije abanyamabanga nshingwa bikorwa b'imirenge gukora cyane kugira ngo icyo gihembo cy'imodoka kizajye iwabo, imihigo ni yose ku turere twifuza icyo gihembo.

# Umunyamabanga mukuru wa Loni, Bwana Ban Ki Moon yasuye Polisi y'u Rwanda



CP Dr Daniel Nyamwasa, umuyobozi w'ibitaro bya Polisi aha ikaze Umunyamabanga mukuru wa Loni (Foto: RNP Media Center)

Umunyamabanga mukuru wa Loni, Bwana Ban Ki Moon, aherekejwe n'umuyobozi mukuru wa Banki y'Isi, Dr Jim Yong Kim,kuri uyu wa kane taliki ya 23 Gicurasi 2013,bagiriye uruzinduko mu Rwanda, aho banasuye Polisi y'u Rwanda,ku cyicaro cyayo kiri ku Kacyiru.



SSP Lyinda Nkuranga,umuyobozi w'ishami rishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri Polisi y'u Rwanda yerekana igishushanyo mbonera cy'Ikigo nyafurika gishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa abakobwa n'abagore (Foto: RNP Media Center)

Batangiye basura ikigo Isange One Stop Center,cyita kikanagira inama abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina, aho yavuye ashyira ibuye ry'ifatizo ahazubakwa icyicaro nyafurika gihuza ibikorwa by'umutekano bigamije guhagarika ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore (Africa's' Security Organs Centre for Coordination of Action to end Violence Against Women and Girls (AFSOCCA).

Mu ijambo yabwiye abari bitabiriye uwo muhango,yagize ati": "Sinigeze mbona ikigo nka Isange One Stop Center mu bindi bihugu biri mu nzira y'amajyambere, nkurikije ibyo icyo mbonye mu Rwanda gikora."

Yarangije ashimira byimazeyo Perezida wa Repubulika Paul Kagame ndetse n'inzego zishinzwe umutekano mu Rwanda, Polisi n'Ingabo kubera uruhare rukomeye bagaragaza mu kurwanya no kurandura burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Umuyobozi wa Polisi y'u Rwanda, Emmanuel K. Gasana, mu ijambo rye, yashimiye buri umwe wese wagize uruhare mu kurwanya burundu ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore mu Rwanda, anavuga ko ari imwe mu ngamba Polisi y'u Rwanda iha agaciro gakomeye muri gahunda zayo.



Ban Ki Moon amaze gushyira ibuye ry'ifatizo ahazubakwa ikigo nyafurika gishinzwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa abakobwa n'abagore (Foto: RNP Media Center)



Ban Ki Moon yandika mu gitabo cy'abashyitsi (Foto: RNP Media Center)



Abayobozi mu nzego z' umutekano mu Rwanda,bashyigikiye irandurwa ry'ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Foto: RNP Media Center)

# Tumenye Jenoside kugirango tuyirandurane n'imizi yayo

Mu gihe mu Rwanda tukiri mu minsi ijana (100) yo gukomeza kwibuka jenoside yakorewe abatutsi mu w'1994, twifuje kubagezaho icyo Jenoside ari cyo n'impamvu tugomba guhora twibuka jenoside yakorewe abatutsi.

**Jenoside ni iki?**

Jenoside ni ubwicanyi ndengakamere butegurwa kandi bugakorwa na leta bugambiriye kurimbura igice kimwe cy'abaturage bayo ishingiye ku bwoko bwabo, ku idini ryabo cyangwa ku ishyaka rya politiki abo baturage bicwa barimo.

Mu gukora jenoside, Leta igira umugambi n'ubushake bisesuye (intention) byo gutsemba icyo gice cy'abaturage bayo, kandi koko ikabishyira mu bikorwa.

Leta itegura Jenoside ibikorera gahunda kandi ikayigeraho, uwicwa ntazira icyo yakoze, azira gusa ko ari umwe mu bagize igice cy'abo baturage bagomba gutsembwa.

Jenoside igira umurongo mugari igenderaho, uwo murongo niwo uhuza abasangiye icyerekezo kimwe cyo gukora Jenoside. Uwo murongo mugari niwo bita ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ingengabitekerezo ya jenoside ikorerwa icengezamatwara (propaganda), igasakara mu bantu benshi, ikagira ingufu maze abantu bakayigenderaho bakemera gukora Jenoside, ikindi kandi, Jenoside yose iba ifite uko ikorwa (organization) : ntagipfa kwikora.

Ibyo bita ko ari uburakari bw'abaturage biba bifite ibyabibanjirije, byigishijwe, kandi byateguwe neza. Kandi ibyo, nibyo Leta yifashisha mu gukora Jenoside.

**Jenoside kandi iba itandukanye n'intambara kuko intego yabyo si imwe :**

Intambara iba igamije gutsinda maze abatsinzwe bakayoboka abatsinze. Jenoside ntiba igamije gutsinda ngo abatsinzwe bayoboke ababatsinze, ahubwo iba igamije kurimbura abo yibasiye ntihasigare n'umwe.

Intambara igira amategeko ayigenga, utayubahirije akaba yabihanirwa.Ushyize intwaro hasi, agasaba imbabazi arazihabwa, ntiyicwa. Nta mategeko agenga Jenoside, abayikora ntakibakoma imbere.

Intambara igira imfungwa z'intambara, Jenoside iratsembatsemba, ntigira imfungwa.

Intambara ikorwa n'ingabo z'abasirikare, ntihajyamo abasivili. Jenoside yo mu Rwanda yakozwe n'abasirikare, abasivili n'abaturage basanzwe.

Mu ntambara birabujijwe kwibasira abana, abagore, abasaza, abasivili n'ubwo hari abagwa mu ntambara bwose. Jenoside yibasira abari mu gice cy'abagomba gutsembwa bose, ntawe isize inyuma.

Nyuma y'iyo Jenoside, sosiyete yose ihita igira uburyo yibuka ibyo twakwita mu gifaransa "mémoire collective". Igira ibyo yitwararika, ikagenda ibyigisha abana bayo, bikaba uruhererekane n'umurage wayo. Buri sosiyete igira amateka yayo yibuka, ikagira umuco wayo, ikagira ubuhanga n'ubumenyi byayo yibuka, ikabimenya, ikabyigisha, ikabiraga abayo.

Kwibuka bifasha sosiyete kubaho, igahanga ibishya, ifite ibyo iheraho, idahuzagurika, ikamenya ikibi n'icyiza, ikagenda yubakira ku biyifitiye akamaro. Ikamenya uko yitwara mu bihe biriho n'ibizaza.

Nyuma ya jenoside kandi, buri sosiyete igira ibyo ihitamo kwibuka, iteka kandi igafata ibiyifitiye akamaro, ni ukuvuga ibiyifasha gusubiza ibibazo igenda ihura nabyo.

**Kuki twibuka jenoside yakorewe abatutsi?**

Kwibuka ni ngombwa kuko sosiyete yabaho itibuka yazima : ntiyashobora kumenya ibiyifitiye akamaro ngo ibigire umurage, kandi yibuke no kwirinda ibishobora kuyigirira nabi. Tugomba kwibuka ngo tutazima.

Kwibuka rero bifasha sosiyete kumenya uko yitwara : ihera ku byabaye yibuka, igashyiraho inzitiro cyangwa umurongo waho izanyura n'uko izitwara mu bihe biri imbere.

Kwibuka ni ngombwa kuko sosiyete yabaho itibuka yazima, ntiyashobora kumenya ibiyifitiye akamaro ngo ibigire umurage, kandi yibuke no kwirinda ibishobora kuyigirira nabi. Tugomba kwibuka ngo tutazima.

Kwibuka rero bifasha sosiyete kumenya uko yitwara, ihera ku byabaye yibuka, igashyiraho inzitiro cyangwa umurongo w'aho izanyura n'uko izitwara mu bihe biri imbere.

Mu Rwanda habaye Jenoside, biri mu mateka y'ubu na azaza. Kwibuka Jenoside nk'Abanyarwanda, bizafasha kubaka u Rwanda rwitandukanya burundu na Jenoside n'ibijyanye nayo byose.

Abanyarwanda baramutse bibagiwe Jenoside bakwibagirwa n'icyayiteye cyose, nta cyabuza ko ishobora kongera kubaho kuko ibyayiteye byashobora kongera kubura umutwe, bigahabwa intebe maze bigatera ishyano.

Kwibuka bidufasha guhora twibombaritse, maze tukamaganira kure ibintu byose byakurura inzangano mu Banyarwanda.

Kwibuka ni ngombwa kuko bidufasha kurwanya politiki yose ibiba amacakubiri, inzangano, irondakoko n'umwiryane mu Banyarwanda kuko inyigisho nk'izo zabyaye Jenoside.

Kwibuka bidufasha kutazongera kugwa mu mutego twagushijwemo n'ubuyobozi bubi, ahubwo tukirinda kuzongera kugwa mu mitego mibi twabayemo.

Kwibuka bidufasha kuzabaho neza mu bihe bizaza, no kubaka sosiyete yacu duhereye ku mateka yacu.

Kwibuka bidufasha kwamaganira kure ibifitanye isano na Jenoside byose, cyane cyane amacakubiri kuko tutayamaganye yazongera kutumaraho abantu.

Kwibuka bidufasha kwamagana amashyaka ya politiki ashingiye ku moko, kuko tutayamaganye yakongera kubiba umwiryane mu banyarwanda.

Kwibuka bidufasha kwamaganira kure icyitwa ihezwa (exclusion) iryo ari ryo ryose ribuza Umunyarwanda kubona ibyo afiteho uburenganzira byose.

Kwibuka bidufasha kwamagana no kurwanya inzangano hagati y'abana b'u Rwanda kuko kutazamagana ari ugutiza umurindi abashaka ko Abanyarwanda bamarana.

Kwibuka bidufasha kwamagana imiryango, ibigo (institutions), abagize imiryango mpuzamahanga bitwaza ko badufasha ariko bakigisha, cyangwa bagashyigikira amacakubiri mu Banyarwanda.

Kwibuka bidufasha kwamaganira kure abayobya n'abigisha nabi amateka y'u Rwanda n'imibanire y'Abanyarwanda.

Kwibuka bizadufasha kwamagana umuco mubi wo kudahana (impunité), ahubwo kwibuka bidufasha kwimakaza umuco w'ubutabera.

Kwibuka bizadufasha kubaka igihugu gitandukanye n'icyo twarazwe n'abagizi ba nabi.

Tugomba guhora twibuka Jenoside yakorewe Abatutsi kugira ngo itazongera kubaho ku bantu abo ari bo bose.

Mu gihe twari mu cyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 19 jenoside yakorewe abatutsi,ku kicaro gikuru cya Polisi y'u Rwanda ku Kacyiru habereye ikiganiro kivuga ku ruhare rw'inzego z'umutekano mbere, mu gihe na nyuma ya jenoside.

Icyo kiganiro cyari kitabiriwe n'inzego zitandukanye harimo, Polisi y'u Rwanda, Ingabo z'U Rwanda, ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere RGB,ndetse na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside CNLG.

Muri icyo kiganiro, Prof. Shyaka Anastase, Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere (RGB), yavuze ko mu bushakashatsi bwakozwe na Sena mu mwaka wa 2005, bwagaragaje ko inzego zari zishinzwe umutekano mbere no mu gihe cya Jenoside, zari iza kabiri ku banyapolitiki mu gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Nyamara ariko Prof Shyaka yavuze ko ubushakashatsi buheruka bwakozwe mu 2008, bwagaragaje ko inzego zishinzwe umutekano mu Rwanda, ubu ari zo za mbere mu kubaka no kubumbatira ubumwe bw'abanyarwanda.

Umuyobozi w'ikigo cy'imiyoborere myiza (RGB) Shyaka Anastase, yavuze ko inzego z'umutekano zifite uruhare runini mu kugera ku nshingano z'imiyoborere myiza cyangwa ntizigerweho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe kurwanya Jenoside, CNLG, Mucyo Jean de Dieu , we yavuze ko muri rusange bishimira uburyo inzego z'umutekano mu gihugu zikomeje kuwubumbatira, cyane cyane mu gihe cy'icyunamo kandi anashimira Inzego z'umutekano uko zita ku mutekano w'abantu n'uw'inzibutso, ubu ukaba wifashe neza, n'ahavutse ikibazo polisi ikaba ibikurikirana. Mucyo yasabye ko abategura gahunda zo kwibuka zihariye, bajya babimenyesha Polisi ngo hanozwe umutekano wabo.

Mu ijambo rye, uwari uhagarariye ingabo Maj Gen. Jack Musemakweri yasobanuye uburyo urugamba rwo kubohora u Rwanda rwatangiye n'uburyo z'igihugu zakoze akazi gakomeye ko guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi, nyamara byose bigakorwa mu bushobozi bucye zari zifite, kandi anizeza ko zizakomeza ibikorwa byiza byo kurinda abaturarwanda no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Mu ijambo rye, Umuyobozi Mukuru wa Polisi y'u Rwanda IGP Emmanuel K Gasana yavuzeko inzego z'umutekano za mbere ya jenoside, zititaga k'umutekano w'abaturage zishinzwe kurinda, ko zari iz'abategetsi b'icyo gihe, ko bitari bikwiye kubona ingabo zihohotera abo zishinzwe kurinda nk'ibyabaye mu 1994.

Yakomeje avuga ko biri amahire ko Inzego z'umutekano ziriho ubu zifite inshingano zo kurinda umutekano w'abanyarwanda n'abaturarwanda, ndetse ko ubu dufite ishema ryo kwiyubaka no gutanga umutekano hirya no hino ku isi.

Yasoje agira ati"Jenoside ntizongere kubaho ukundi, duharanire kwigira,dukore kugirango tugire u Rwanda rwiza, ndetse n'abanyarwanda beza".

# Uburaya, si umwuga uhesha agaciro uwukora

Uburaya, ni ingeso mbi idahesha uyijyamo agaciro. Mu guhashya uburaya, mu Rwanda hari ingamba nyinshi zafashwe, zikaba zinatanga umusaruro.

N'ubwo izo ngamba zose zafashwe ariko, uburaya buracyagaragara mu Rwanda, ndetse muri iyi minsi bukaba bwarafashe indi ntera, kuko hari n'abahaguruka hano mu Rwanda bakajya kubukorera mu bihugu duhana imbibi.

Hari impamvu nyinshi abakora uburaya batanga mu gusobanura impamvu bishoye muri izo ngeso; hari abavuga ko ari ubukene, ndetse abenshi bakavuga ko babikora kugirango babone uko batunga abo bavukana kuko ari bo babarera kandi nta bundi bushobozi bafite.

Hari n'abavuga ko bishoye muri izo ngeso, kuko ababyeyi babo babirukanye, nyuma yo gutwara inda bakiri abakobwa, bikaba ariyo mpamvu babikora kuko nta bundi buryo babona bwo kwibeshaho.

Muri ubwo buraya, hari abana bavuka, bakavukira mu bukene, ntibamenye ba Se, ndetse na ba nyina ntibabiteho, kukobababavutse batabashakaga, ba nyina babata ku mihanda,nabyo bigatuma haba ubwiyongere bw'abana b'inzererezi, ndetse hari n'abafata icyemezo kigayitse cyo kwihekura.

N'ubwo uburaya bukigaragara mu Rwanda ariko, ntibivuze ko ingamba zafashwe mu kubuhashya ari imfabusa, kuko ubu iyo ugeze aho zikunda guhurira usanga umubare w'ababakobwa babaga bategereje wagabanutse ku buryo bugaragara.

Aha ntitwakwirengagiza n'ubuhamya twumva hirya no hino, bw'abahoze muri uwo mwuga bawuvuyemo, ubu bakaba babayeho mu buzima buruta ubwo bari babayeho mbere, aho begereye abandi bakisunga amashyirahamwe, akabaha inguzanyo, nabo bakaba bari kwiteza imbere mu buryo bwemewe n'amategeko.

Ubuhamya bwabo, bw'uko biteje imbere, bwerekana neza ko uretse uburaya wabaho neza kurusha mbere, bikaba ariyo mpamvu n'abakiri muri uwo mwuga bigishijwe neza bashobora kwemera kuwuvamo.

Polisi y'igihugu iributsa abanyarwanda n'abaturarwanda, ko uburaya atari uburyo bwiza bwo gushaka ubuzima, ahubwo butuma habaho ihungabana ry'umutekano, bugatuma ababukora bagira imibereho mibi, bikanatuma ababukora baba ibicibwa mu muryango nyarwanda, bukaba kandi ari imwe mu nzira ituma bashobora kwandura virusi itera sida.

Mu Rwanda rero, uburaya ntibwemewe, kuko itegeko rivuga ko umuntu wese ushishikariza, woshya cyangwa uyobya undi muntu n'aho yaba yabyiyemereye ashaka kumushora mu buraya, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3), n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000), kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000), cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.



# KOMINITI POLISINGI



www.police.gov.rw
E-mail:info@police.gov.rw or pro@police.gov.rw